**REPUBULIKA Y'U RWANDA** Burera, kuwa 05/10/2020

**INTARA Y'AMAJYARUGURU** N⁰ 20/02.04.04/02

**AKARERE KA BURERA**

**INAMA NJYANAMA Y'AKARERE**

Bwana Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru, **MUSANZE**

**Impamvu:** Kohereza imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yateranye kuwa 30/09/2020

Bwana,

Nejejwe no kubandikira iyi baruwa ngira ngo mbohererereze ku mugereka wayo imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yateranye kuwa 30/09/2020 hamwe n'inyandiko-mvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yateranye kuwa 30/06/2020 ikemezwa kuwa 30/09/2020 imaze gukorerwa ubugororangingo.

Mugire amahoro.

**IZAMUHAYE Jean Claude**

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera

**Bimenyeshejwe:**

- Madamu Umuyobozi w'Akarere ka **BURERA**
- Bwana Umuyobozi wungirije w'Akarere ka **BURERA** (Bombi)
- Bwana Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka **BURERA**

**IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA BURERA YATERANYE TARIKI YA 30 NZERI 2020.**

Kuwa gatatu tariki ya 30/09/2020, Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yateraniye ku buryo busanzwe mu cyumba cy'inama cya Hotel Montana Vista iherereye mu Murenge wa Cyanika, Akarere ka Burera, itangira imirimo yayo saa yine za mugitondo (10H00), iyoborwa na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera Bwana IZAMUHAYE Jean Claude. Inama yitabiriwe n'Abajyanama 31 kuri 33 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Burera.

## I. ABITABIRIYE INAMA:

1. CYAMBAZA G.Gédéon
2. DUKUNDIGENA Arsène
3. DUSABEYEZU Désiré
4. DUSENGIMANA Honorine
5. DUSHIMEMARIYA Gertrude
6. HATEGEKIMANA Innocent
7. IZAMUHAYE Jean Claude
8. MANIRAFASHA Léonie
9. MUNYEMBARAGA Jean de Dieu
10. MUGISHA Justin
11. MUGISHA Esther
12. MUJAWAMARIYA Marguerite
13. MUJAWAYEZU Léonie
14. MUJYANAMA Alexis
15. MUKARULINDA Victoire
16. MUNYANEZA Joseph
17. MURAGIJIMANA Dévotha
18. NDAYAMBAJE Théoneste
19. NIWEWANJYE Yvette
20. NIYITEGEKA Lambert
21. NSHIMIYIMANA Elie Gaston
22. NTABARESHYA Jean Baptiste
23. NYIRAMAHIRWE Jeanne d'Arc
24. UMUHOZA Delphine
25. UWANYIRIGIRA Marie Chantal
26. UWAMAHORO Solange
27. ZIKORA Bernard
28. GASOROMANTEJA Sylvanie
29. MANIRAFASHA Jean de la Paix
30. NIKWIGIZE Phocas
31. NZABANITA Jean Claude

**II. ABATITABIRIYE INAMA KU MPAMVU ZIZWI:**

1. NIZEYIMANA Vestine
2. NSENGIMANA Thomas

**III. INGINGO ZASUZUMWE:**

1. Gusuzuma no kwemeza inyandiko-mvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yateranye kuwa 30/06/2020
2. Gusuzuma raporo y'igihembwe cya 1 umwaka wa 2020-2021 y'Inama y'Abaperezida
3. Kugezwaho raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere ka Burera, imikoreshereze y'ingengo y'imari y'Akarere ka Burera igihembwe cya 1 na gahunda y'itangwa ry'amasoko mu mwaka 2020-2021
4. Kwemeza ihazabu ku bantu batubahiriza amabwiriza yo gukumira no kwirinda COVID-19
5. Kwemeza ikiguzi ku bantu bagororerwa muri Transit Center
6. Kwemeza kwegurira BBR na BCT abikorera
7. Gukorerera ubugororangingo umwanzuro wafashwe mu rwego rwo kubonera Police Station ya Cyanika aho gukorera mu Karere ka Burera
8. Kwemeza ko ubutaka bwaguzwe na Chantal MBANDA bwakwandikwa ku Karere ka Burera
9. Kwemeza amafaranga afasha AbanyamabangaNshingwabikorwa b'Imirenge mu kazi kabo ka buri munsi
10. Kwemeza gahunda y'ikiruhuko cy'abagize Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera
11. Ibinyuranye:

- Kugezwaho imyiteguro y'igihembwe cy'umuhindo 2020 (Saison 21 A) ku buhinzi n'ubworozi
- Kugezwaho raporo y'itangwa ry'ibyangombwa by'ubutaka

## IV. UKO INAMA YAGENZE:

| INGINGO ZASUZUMWE | IMYANZURO YAFASHWE |
|---|---|
| 1. Gusuzuma no kwemeza inyandiko-mvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yateranye kuwa 30/06/2020 | **Umwanzuro wa 1:**<br>Nyuma yo gusuzuma no gukorera ubugororangingo inyandiko-mvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yateranye kuwa 30/06/2020, abari mu nama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera, ku bwumvikane busesuye bayemeje. |
| 2. Gusuzuma raporo y'igihembwe cya 1 umwaka wa 2020-2021 y'Inama y'Abaperezida | Abari mu nama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera bamaze gusuzuma raporo y'Inama y'Abaperezida mu Nama Njyanama y'Akarere ka Burera y'igihembwe cya I umwaka wa 2020-2021, ku bwumvikane busesuye bemeje ibi bikurikira:<br><br>**Umwanzuro wa 2:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa kwandikira ibaruwa umuyobozi w'ibitaro bya Butaro imusaba gushyira mu bikorwa inama z'abagenzuzi zikurikira:<br>- Kugarura amafaranga ibihumbi 310,000 arenga kuyagombaga kwishyurwa abakozi bari batumiwe mu nama y'umwiherero wateguwe n'ibitaro bya Butaro;<br>- Kugaruza amafaranga miliyoni 2,227,500 yishyuwe abakozi bari mu kiruhuko cy'ababyeyi kuko RSSB ariyo yagombaga kuyishyura; |

| | |
|---|---|
| | **Umwanzuro wa 3:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa kwandikira ibaruwa Madame NASABYIMANA Martine wahoze ayoboye Ikigo Nderabuzima cya Ruhombo ubu akaba ayobora Ikigo Nderabuzima cya Gahunga kugarura amafaranga ibihumbi 110,800 yishyuwe mu butumwa bw'akazi arenga kuyo yagombaga kwishyurwa;<br><br>**Umwanzuro wa 4:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa kwandikira ibaruwa Bwana SEBAKARANI Pascal ubarizwa ku kigo nderabuzima cya Ruhombo kugarura amafaranga ibihumbi 6,000 arenga ku mafaranga y'ubutumwa yagombaga kwishyurwa;<br><br>**Umwanzuro wa 5:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa gufatanya n'ibitaro bya Butaro gusobanura neza ibijyanye n'imitangire y'agahimbazamusyi (PBF=performance based finance) ku bakozi b'ibigo Nderabuzima nk'uko bikubiye mu mabwiriza ya Ministiri w'Ubuzima yo mu Ukwakira 2018 kubera ko usanga itangwa ku buryo butandukanye;<br><br>**Umwanzuro wa 6:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa bitarenze kuwa 20 Ukwakira 2020 kwandikira ibaruwa abayobozi b'ibigo nderabuzima n'abayobozi b'ibigo by'amashuri isaba guhagarika gukodesherezwa amacumbi kuko Leta iba yabageneye amafaranga y'icumbi ku mushahara ndetse bagahabwa n'amabwiriza y'imikoreshereze y'ibinyabiziga ibyo bigo biba byahawe cyangwa byaguze kugira ngo bijye bikoreshwa gusa mu |

| | |
|---|---|
| | nyungu z'ibigo babereye abayobozi;<br><br>**Umwanzuro wa 7:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa kwandikira ibaruwa umuyobozi w'ishuri ryisumbuye rya Rugarama imusaba kwihutira gushyira mu bikorwa ibi bikurikira nk'uko byagaragaye mu bugenzuzi bwakorewe iryo shuri:<br>- Kugaragaza inyandiko zose zisobanura imikoreshereze y'amafaranga angana na miliyoni 5,928,304 yasohotse nta nyandiko n'imwe igaragaza imikoreshereze yayo, atazigaragaza agasubiza ayo mafaranga mu isanduka ya Leta nk'uko amategeko abiteganya;<br>- Kwihutira kwishyura amafaranga y'imisoro ya 3%,15% na 18% atarishyuwe angana n'ibihumbi 458,287 atarakaswe ba Rwiyemezamirimo agakatwa kandi akishyurwa;<br>- Gusabwa bisobanuro ku micungire mibi y'umutungo mu kigo abereye umuyobozi;<br><br>**Umwanzuro wa 8:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa bitarenze kuwa 20 Ukwakira 2020 kwandikira Ubuyobozi bw'Ikigo Nderabuzima cya Ndongozi ibusaba ibi bikurikira:<br>- Kwihutira gukata no kwishyura imisoro ingana n'amafaranga ibihumbi 58,488 cyishyuye ba Rwiyemezamirimo kitayakase;<br>- Kugaragariza bitarenze Ukwakira 2020 Ubugenzuzi ibimenyetso byose by'amafaranga angana na miliyoni imwe ibihumbi magana ane n'icyenda na magana abiri na mirongo itandatu n'icyenda( 1,409,269Rfw) yasohotse nta nyandiko zuzuye ziyasobanura, byabura agasubizwa mu isanduku ya Leta nk'uko amategeko |

| | |
|---|---|
| | abiteganya;<br>- Gutanga ibisobanuro ku mukozi witwa NDENDAHAYO Narcisse ukora akazi ka auxiliaire de santé uri mu mwanya utagaragara mu mbonerahamwe y'imirimo ku bigo nderabuzima;<br><br>**Umwanzuro wa 9:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa kwandikira Ubuyobozi bw'Umurenge wa Gitovu ibusaba ibi bikurikira:<br>- Kwihutira gukata no kwishyura umisoro wa VAT ungana n'amafaranga ibihumbi 194,099 bwishyuye ba Rwiyemezamirimo butayakase;<br>- Kugaragaza inyandiko zose zisobanura imikoreshereze y'amafaranga angana na miliyoni imwe ibihumbi magana atandatu na mirongo itatu na bitatu na magana ane na mirongo inani n'abiri (1,633,482Rfw) yasohotse nta nyandiko zuzye ziyasobanura, byabura agasubizwa mu isanduku ya Leta nk'uko amategeko abiteganya;<br><br>**Umwanzuro wa 10:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa gushyiraho gahunda ihamye yo kubonera abahinzi bo mu Mirenge ihinga ibirayi imbuto nziza y'ibirayi binyuze mu kongera umubare w'abatubuzi b'imbuto nziza ndetse no gushyira ingufu mu gikorwa cyo gutoranya imbuto nziza (positive selection) igafatanya kandi na RAB na MINAGRI mu gushaka uburyo bwo guhunika imbuto; |

| | |
|---|---|
| | **Umwanzuro wa 11:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa gufatanya na RAB Station Rwerere kugeza ku baturage baturiye ikigo RAB Station ya Rwerere ubumenyi buba muri iki kigo kugira ngo nabo babumenye babuhereho babukoresha mu mirima yabo;<br><br>**Umwanzuro wa 12:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa gukurikirana ubutaka bwagiye bugurwa n'ibigo by'amashuri mu rwego rwo kwagura imbago, ubutanditswe bukandikwa kuri Leta ndetse n'ababwiyandikishijeho bubavanweho bwandikwe kuri Leta kandi ubwo butaka bwose buhabwe imbibi (bornage);<br><br>**Umwanzuro wa 13:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa gufasha abaturage bafite ibibazo by' ibyangombwa by' ibice by'ubutaka baba basigaranye mu gihe ikindi gice kiba cyashizweho ibikorwa rusange baranagiherewe ingurane, igice gisigaye ntigitangirwe icyangombwa kandi icyangombwa cyose Akarere kaba kagitwaye;<br><br>**Umwanzuro wa 14:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa kwegera Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iterambere (RDB) ikayifasha gutegura ahantu mu Karere ka Burera hashyirwa ibikorwa by'Ubukerarugendo hakazemezwa n'Inama Njyanama bityo uje ashaka aho gushyira ibikorwa bye by'ubukerarugendo akajya ahita yoherezwa aho hantu hemejwe; |

| | |
|---|---|
| | **Umwanzuro wa 15:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irongera kwibutswa gukemura ibibazo biri mu miyoboro y'amazi yakozwe ariko ikaba idafite amazi ikurikira:<br>- Gakaranka –Nyanamo mu Murenge Gitovu;<br>- Cyanika- Mutobo-Base mu Murenge wa Cyanika;<br>- Mugera-Ntezilizaza mu Murenge wa Rwerere;<br>- Gatobororo mu Murenge wa Kinyababa<br>- Nyirantarengwa-Nyanamo mu Murenge wa Rugengabari n'indi miyoboro itavuzwe yaba ifite ibibazo byo kuba idakora bigakemurwa;<br><br>**Umwanzuro wa 16:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa bitarenze 20 Ukwakira 2020 kugaragariza Inama Njyanama y'Akarere ka Burera urutonde rw'imishinga yatewe inkunga muri gahunda ya Financial Services yatanze umusaruro ku baturage batewe inkunga ndetse n'itaratanze umusaruro;<br><br>**Umwanzuro wa 17:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka BURERA irongera kwibitswa gushyiraho gahunda ihamye yo gukurikirana amafaranga y'ibyapfa by'inka za GIRINKA kugira ngo ajye akoreshwa mu kugurira abatishoboye izindi inka;<br><br>**Umwanzuro wa 18:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa bitarenze kuwa 20 Ukwakira 2020 kunoza urutonde rw'abazahabwa inka zo muri gahunda ya Girinka umwaka wa 2020-2021 no kugaragariza |

| | |
|---|---|
| | Inama Njyanama y'Akarere ka Burera bitarenze kuwa 15 Ugushyingo 2020 urutonde rw'abagenerwabikorwa ba GIRINKA kuri buri mudugudu, abagezweho niyo gahunda n'abo itarageraho babikwiye kuva gahunda ya Girinka Munyarwanda yatangira;<br><br>**Umwanzuro wa 19:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa gukemura byihuse ikibazo cy'umuzi unyura kuri GS Gahunga hagashyirwa senyenge itandukanya umuzi n'ikigo hagamijwe kurinda abana kuba batembanwa n'amazi aturuka mu birunga anyura muri uwo muzi unyura mu nkengero z'ikigo;<br><br>**Umwanzuro wa 20:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa kwihutisha iyubakwa ry'ibyumba by'amashuri byubakwa na Leta y'U Rwanda hakurikiranwa ko ibipimo ngenderwaho byubahirizwa ndetse n'ibikoresho bikoreshwa byujuje ubuziranenge;<br><br>**Umwanzuro wa 21:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa gufasha ibigo by'amashuri bifite icyumba cy'umwana w'umukobwa, ariko ibyo byumba bikaba bitujuje ibisabwa (ibitanda,etagere, etc) ku bibona kandi aho ibyumba bitari bigashyirwaho vuba;<br><br>**Umwanzuro wa 22:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa kwihutisha iyubakwa ry'amarerero yubatswe ku mishanga y'ubudehe 2019-2020 kuko byagaragaye ko hari atari yuzura kandi akaba akiri |

| | |
|---|---|
| | kure. Irasabwa kandi gushyira ibikoresho bikenewe muri ayo marerero kugira ngo azatangire gukoreshwa ibyo bikoresho bihari;<br><br>**Umwanzuro wa 23:**<br>✓ Komite nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa gushyira inzira zorohereza abafite ubumuga ku bwiherero bwubatswe ku irerero riri mu Murenge wa KAGOGO kandi bagakemura ikibazo cy'inyubako yatangiye gusenyuka itarakoreshwa;<br><br>**Umwanzuro wa 24:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa bitarenze kuwa 12/10/2020 gukurikirana Rwiyemezamirimo NTAMAGEZO Vincent wubakishije Satelite ya SOZI yo mu mudugudu wa Kanaba mu Kagari ka Kabaya, Umurenge wa Kagogo wambuye abaturage bamukoreye;<br><br>**Umwanzuro wa 25:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka \|Burera irasabwa gukemura ikibazo Bwana NZAVUGANKIZE Jean Baptiste wo mu Murenge wa Nemba ishaka uko yamwubakira bityo akava mu manegeka yasizwemo n'umuhanda wakozwe muri gahunda ya VUP kuko kugeza ubu atarahabwa ingurane ikwiye kubera ko icyangombwa cy'ubutaka kigwatirije muri Banki ya Kigali ishami rya Butaro mu Karere Burera bityo kuba akihatuye bikaba byarabangamiye ibikorwa byo kurangiza uwo muhanda ; |

| | |
|---|---|
| | **Umwanzuro wa 26:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa kujya ikurikirana ishyirwa mu myanya ry'abasimbura b'ababyeyi babyaye no guha abo basimbura ibibagenerwa mu gihe gikwiye;<br><br>**Umwanzuro wa 27:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa kuzinjiza mu ngengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Burera 2020-2021 ,amafaranga angana na miriyoni mirongo icyenda n'irindwi n'ibihumbi magana atandatu mirongo itatu na magana tanu makumyabiri n'ane (97,630,524 frw) Akarere kemerewe na LODA ngo akoreshwe mu mishanga y'Ubudehe 2020-2021, ariko akaba atarinjijwe mu ngengo y'imari y'Akarere ka Burera 2020-2021;<br><br>**Umwanzuro wa 28:**<br>✓ Madamu NYIRAHATEGEKIMANA Olive wo mu Murenge wa Rugengabari, Akagari ka Rukandabyuma Umudugudu wa Ngoma yakurirwaho imisoro yabariwe n'Ikigo cy'imisoro n'amahoro ndetse agaharikirwa TIN 105821286 kuko yahuye n'uburwayi bukamuzahaza bukamutera n'ubumuga dore ko ari mu cyiciro cya 2 cy'abafite ubumuga (afite ubumuga bwa 73%) ndetse akaba abarizwa no mu cyiciro cya mbere cy'ubudehe;<br><br>**Umwanzuro wa 29:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa bitarenze kuwa 15 Ukwakira 2020 kugeza ku Nama Njyanama y'Akarere ka Burera amakuru acukumbuye ajyanye n'ubutaka bwa Bwana SIBOMANA Simon wo mu Murenge wa Kinoni, Akagari ka |

| | |
|---|---|
| | Gafuka, Umudugudu wa Nyagafunzo usaba kurenganurwa ku kibazo cy'imisoro y'ubutaka yabariwe hamwe na Bwana RWAGITANYWA Justin wo mu Murenge wa Gahunga, Akagari ka Kidakama, Umudugudu wa Songa usaba kurenganurwa ku kibazo cy'imisoro y'ubutaka yabariwe;<br><br>**Umwanzuro wa 30:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa gusubiza Bwana NSABIMANA Theoneste wo mu Murenge wa Cyeru, Akagari ka Ruyange, Umudugudu wa Gatagara ubutaka bwe bucunzwe n'Akarere kuko ingurane yahawe ari igishanga atemerewe kwibaruzaho kandi icyo yari yarabutangiye cyo gukoreraho pepiniyeri kitakibukorerwaho bityo akazabona uko abwibaruzaho. |
| 3. Kugezwaho raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere ka Burera, imikoreshereze y'ingengo y'imari y'Akarere ka Burera igihembwe cya 1 na gahunda y'itangwa ry'amasoko mu mwaka 2020-2021 | Abari mu nama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera bamaze kungurana ibitekerezo kuri iyi ngingo, ku bwumvikane busesuye bemeje ibi bikurikira:<br><br>**Umwanzuro wa 31:**<br>✓ Komite Nyobozi irasabwa, gukomeza gushyira ingufu mu ishyirwamubikorwa ry'imihigo kugira ngo intego n'ibipimo byateganyijwe buri gihembwe bigerweho<br><br>**Uwanzuro wa 32**<br>✓ Komite Nyobozi irasabwa gukurikirana kare ibikorwa bifitiwe ingengo y'imari ariko bishobora kugaragara ko ishobora kutazakoreshwa yose, kugira ngo ayo mafaranga abe yakoreshwa mu bikorwa byateganyijwe ariko bishobora kuba bifite ingengo y'imari nkeya; |

| | |
|---|---|
| | **Umwanzuro wa 33:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa gukurikirana no kwihutisha ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'amasoko ateganyijwe mu ngengo y'igengo y'mari y'Akarere ka Burera 2020-2021by'umwihariko amasoko arebana n'ibigenerwa abaturage (girinka, amatungo bagufi, etc) |
| 4. Kwemeza ihazabu ku bantu batubahiriza amabwiriza yo gukumira no kwirinda COVID-19 | Abari mu nama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera bamaze kungurana ibitekerezo kuri iyi ngingo, ku bwumvikane busesuye bemeje ko:<br><br>**Umwanzuro wa 34:**<br>✓ Komisiyo y'Imiyoborere Myiza mu Nama Njyanama y'Akarere ka Burera irasabwa kwigana ubushishozi no gukorera ubugororangingo ihazabu ku bantu batubahiriza amabwiriza yo gukumira no kwirinda COVID-19 mbere y'uko bishyikirizwa Inama Njyanama y'Akarere ka Burera. |
| 5. Kwemeza ikiguzi ku bantu bagororerwa muri Transit Center | Abari mu nama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera bamaze kungurana ibitekerezo kuri iyi ngingo, ku bwumvikane busesuye bemeje ko:<br><br>**Umwanzuro wa 35:**<br>✓ Komisiyo y'Imiyoborere Myiza mu Nama Njyanama y'Akarere ka Burera irasabwa kwigana ubushishozi no gukorera ubugororangingo ikiguzi ku bantu bagororerwa muri Transit Center mbere y'uko byemezwa n'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera. |
| 6. Kwemeza kwegurira BBR na BCT abikorera | Abari mu nama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera bamaze kungurana ibitekerezo kuri iyi ngingo yo kwegurira BBR na |

| | |
|---|---|
| | BCT abikorera, ku bwumvikane busesuye bemeje ibi bikurikira:<br><br>**Umwanzuro wa 36:**<br>✓ Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yemeje ko imigabane Akarere ka Burera gafite muri Burera College of Trade (BCT) ingana na 55,8% yegurirwa abikorera ku giti cyabo, ibi bigakorwa hakurikijwe amategeko abigenga;<br><br>**Umwanzuro wa 37:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa ko amafaranga azava mu migabane kazagurisha gafite muri BCT azubakwamo agakiriro kajyanye n'igihe ku nyungu rusange z'abaturage;<br><br>**Umwanzuro wa 38:**<br>✓ Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yemeje ko Burera Beach Resort (BBR) yegurirwa abikorera kugira ngo ishobore kubyazwa umusaruro ukwiye, ibi bigakorwa hakurikijwe amategeko. |
| 7. Gukorerera ubugororangingo umwanzuro wafashwe mu rwego rwo kubonera Police Station ya Cyanika aho gukorera mu Karere ka Burera | Abari mu nama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera bamaze kungurana ibitekerezo kuri iyi ngingo, ku bwumvikane busesuye bemeje ko:<br><br>**Umwanzuro 39:**<br>✓ Inama Njyanama y'Akarere ka Burera ikoreye ubugororangingo umwanzuro N0 03 w'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yo kuwa 28/09/2019 aho ijambo **"uruhare"** risimbujwe ijambo **"inkunga"** kubera ko Akarere ka Burera nta migabane kazaba gafite kuri iyo nyubako. Umwanzuro ukaba uteye utya: Umwanzuro wa 29 w'Inama Njyanama yo kuwa 31/3/2014 |

| | |
|---|---|
| | uvuga ko ikibazo cyo kwimura Police/Station Cyanika ku buryo buhoraho kigomba gukemuka bidasabye Akarere ingengo y'imari. Ibyo bikaba biha uburenganzira Akarere ka Burera bwo gutanga **inkunga** ku nyubako ya Police/Station Cyanika nkuko byasabwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Burera mu ibaruwa N0 879/07.04.04/00 yo kuwa 22/11/2018 ;<br><br>**Umwanzuro 40:**<br>✓ Inama Njyanama y'Akarere ka Burera ikoreye ubugororangingo umwanzuro N0 05 w'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yo kuwa 26/10/2019 uvuga ko uruhare rw' Akarere ka Burera mu mushinga w'inyubako ya Police Station ya Cyanika rungana n'amafaranga y'U Rwanda miliyoni mirongo inani n'eshanu (85,000,00) hakavanwamo miliyoni cumi n'eshanu (15,000,000) zatanzwe hagurwa ikibanza yashyirwa kuri konti ya Polisi hagendewe ku masezerano Akarere ka Burera kazagirana na Polisi. Kubera ko hari amasezerano y'imikorere n'imikoranire (MoU) yabaye kuwa 28/03/2012 hagati y'Akarere ka Burera na Polisi iyo inkunga ivuguruye ingana na miliyoni mirongo inani n'eshanu (85,000,000) havuyemo miliyoni cumi n'eshanu ibihumbi magana inani na mirongo icyenda na bitandatu n'amafaranga magana atandatu na cumi n'icyenda (15,896,619) yaguzweikibanza, Akarere ka Burera kazaha Polisi izashyirwa kuri konti ya Polisi hashingiwe ku masezerano yavuzwe haruguru. |
| 8. Kwemeza ko ubutaka bwaguzwe na Chantal MBANDA bwakwandikwa ku Karere ka Burera | Abari mu nama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera bamaze kungurana ibitekerezo kuri iyi ngingo, ku bwumvikane busesuye bemeje ibi bikurikira: |

| | |
|---|---|
| | **Umwanzuro 41:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa kwandikisha ku Karere ka Burera ubutaka bufite UPI 4/04/03/03/5952; 4/04/03/03/5962; 4/04/03/03/7591 bwaguzwe na Madamu Chantal MBANDA kugira ngo buzahuzwe n'ubundi Akarere ka Burera kaguze hakorwe icyangombwa kimwe; bityo bizafashe Polisi kubona icyangombwa cy'ubutaka izubakaho ibiro byayo mu Murenge wa Cyanika, Akagari ka Kabyiniro, Akarere ka Burera. |
| 9. Kwemeza amafaranga afasha AbanyamabangaNshingwabikorwa b'Imirenge mu kazi kabo ka buri munsi | Abari mu nama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera bamaze kungurana ibitekerezo kuri iyi ngingo, ku bwumvikane busesuye bemeje ibi bikurikira:<br><br>**Umwanzuro 42:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa gufasha AbanyambangaNshingwabikorwa b'Imirenge mu kazi kabo ka buri munsi ko kurushaho kubungabunga umutekano hashakishwa amakuru no kuyageraho bityo bakajya bagenerwa buri kwezi amafaranga y'U Rwanda ibihumbi makumyabiri na bitanu (25,000 frw). |
| 10.Kwemeza gahunda y'ikiruhuko cy'abagize Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera | Abari mu nama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera bamaze kungurana ibitekerezo kuri iyi ngingo, ku bwumvikane busesuye bemeje ko:<br><br>**Umwanzuro wa 43:**<br>Abagize Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera gahunda yabo y'ikiruhuko iteye ku buryo bukurikira: |

<table>
<tr>
<td></td>
<td>
<table>
<tr><th>Amazina</th><th>Icyo ashinzwe</th><th>Igihe azagira mu kiruhuko</th></tr>
<tr><td>MUNYANEZA Joseph</td><td>V/M ED</td><td>15/10/2020-30/10/2020</td></tr>
<tr><td>MANIRAFASHA Jean de la Paix</td><td>V/M ASOC</td><td>1/11/2020-15/11/2020</td></tr>
</table>
</td>
</tr>
<tr>
<td>11.Ibinyuranye:<br>- Kugezwaho imyiteguro y'igihembwe cy'umuhindo 2020 (Saison 21 A) ku buhinzi n'ubworozi</td>
<td>Nyuma yo kugaragarizwa uko igihembwe cy'ihinga 21A gihagaze kimwe no kugaragarizwa raporo ku tangwa ry'ibyangombwa by'ubutaka, abari mu nama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera bamaze kungurana ibitekerezo kuri iyi ngingo, ku bwumvikane busesuye bemeje ibi bikurikira:<br><br>Umwanzuro 44:<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa gukomeza ingamba zo guhuza ubutaka; kwihutisha gushyira mu bikorwa intego yateganyijwe ku buso buzahingwaho ibihingwa byatoranyijwe muri iki gihembwe cy'ihinga cy'umuhindo 2020 (Saison 21) igakangurira abahinzi kwihutisha imirimo y'itera; gushyira ingufu mu buhinzi bw'imboga no gutunganya igikorwa cyo gutegura imbuto y'ibirayi izakoreshwa mu gihembwe gitaha cya 21B binyuze mu batubuzi basanzwe babikora ndetse no kunoza igikorwa cya positive selection.<br><br>Umwanzuro 45<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa gushyiraho uburyo buhamye bwo gutubura imbuto y'ubwatsi bw'amatungo; gutera ubwatsi bwo kugaburira amatungo ari mu midugudu (model villages) no gukangurira abaturage bose kugira umuco wo</td>
</tr>
</table>

| | |
|---|---|
| | gutera ubwatsi bw'amatungo banabihuza n'igikorwa cyo kurwanya isuri hagamijwe kongera umukamo |
| - Kugezwaho raporo y'itangwa ry'ibyangombwa by'ubutaka | **Umwanzuro 46:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa gukomeza gushyira imbaraga mu itangwa ry'ibyangombwa by'ubutaka hamenyeshwa abaturage ibisabwa muri dosiye kugira ngo ibe yuzuye kandi kuzigenzura mbere y'uko zigezwa muri serivisi y'ubutaka ku Karere bikitabwaho n'umukozi ushinzwe ubutaka ku rwego rw'Umurenge, bityo ikibazo cy'ingaru zikunda kugaragara gikemuke. |

Inama yasoje imirimo yayo saa kumi n'imwe (17:00)

MUKARULINDA Victoire

Umwanditsi w'inama

IZAMUHAYE Jean Claude

Umuyobozi w'inama

**URUTONDE RW'ABAGIZE INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA BURERA BITABIRIYE INAMA ISANZWE YAYO YO KUWA 30/09/2020**

| N0 | AMAZINA | UMURENGE YOTEREWEMO | UMUKONO |
|---|---|---|---|
| 1 | CYAMBAZA Gédéon | CYANIKA | |
| 2 | DUKUNDIGENA Arsene | RUSARABUYE | |
| 3 | DUSABEYEZU Desiré | GITOVU | |
| 4 | DUSENGIMANA Honorine | RWERERE | |
| 5 | DUSHIMEMARIYA Gertrude | GITOVU | |
| 6 | GASOROMANTEJA Sylvanie | KIVUYE | |
| 7 | HATEGEKIMANA Innocent | NEMBA | |
| 8 | IZAMUHAYE Jean Claude | RUHUNDE | |
| 9 | MANIRAFASHA Jean de la Paix | GAHUNGA | |
| 10 | MANIRAFASHA Leonie | RUGENGABARI | |
| 11 | MUGISHA Esther | CYERU | |
| 12 | MUGISHA Justin | BUNGWE | |
| 13 | MUJAWAMARIYA Marguerite | KINONI | |
| 14 | MUJAWAYEZU Leonie | NEMBA | |
| 15 | MUJYANAMA Alexis | KINYABABA | |
| 16 | MUKARULINDA Victoire | RWERERE | |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 17 | MUNYANEZA Joseph | RUGARAMA | |
| 18 | MUNYEMBARAGA Jean ~~Claude~~ de Dieu | CYANIKA | |
| 19 | MURAGIJIMANA Devotha | CYANIKA | |
| 20 | NDAYAMBAJE Theoneste | RUSARABUYE | |
| 21 | NIKWIGIZE Phocas | CYERU | |
| 22 | NIWEWANJYE Yvette | KAGOGO | |
| 23 | NIYITEGEKA Lambert | KAGOGO | |
| 24 | NIZEYIMANA Vestine | GAHUNGA | |
| 25 | NSENGIMANA Thomas | BUNGWE | |
| 26 | NSHIMIYIMANA Elie Gaston | RUGENGABARI | |
| 27 | NTABARESHYA Jean Baptiste | KINONI | |
| 28 | NYIRAMAHIRWE Jeanne d'Arc | KAGOGO | |
| 29 | NZABANITA Jean Claude | GATEBE | |
| 30 | UMUHOZA Delphine | RUHUNDE | |
| 31 | UWAMAHORO Solonge | GATEBE | |
| 32 | UWANYIRIGIRA Marie Chantal | KIVUYE | |
| 33 | ZIKORA Bernard | BUTARO | |

**INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA BURERA YATERANYE TARIKI YA 30 KAMENA 2020.**

Kuwa kabiri tariki ya 30/06/2020, Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yateraniye ku buryo busanzwe mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Burera, itangira imirimo yayo saa yine za mugitondo (10H00), iyoborwa na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera Bwana IZAMUHAYE Jean Claude. Inama yitabiriwe n'Abajyanama 29 kuri 33 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Burera.

## I. ABITABIRIYE INAMA:

1. CYAMBAZA G.Gédéon
2. DUKUNDIGENA Arsène
3. DUSABEYEZU Désiré
4. DUSENGIMANA Honorine
5. DUSHIMEMARIYA Gertrude
6. HATEGEKIMANA Innocent
7. IZAMUHAYE Jean Claude
8. MANIRAFASHA Léonie
9. MUNYEMBARAGA Jean de Dieu
10. MUGISHA Justin
11. MUGISHA Esther
12. MUJAWAMARIYA Marguerite
13. MUJAWAYEZU Léonie
14. MUJYANAMA Alexis
15. MUKARULINDA Victoire
16. MUNYANEZA Joseph
17. MURAGIJIMANA Dévotha
18. NDAYAMBAJE Théoneste
19. NIWEWANJYE Yvette
20. NIYITEGEKA Lambert
21. NIZEYIMANA Vestine
22. NSENGIMANA Thomas
23. NSHIMIYIMANA Elie Gaston
24. NTABARESHYA Jean Baptiste
25. NYIRAMAHIRWE Jeanne d'Arc
26. UMUHOZA Delphine
27. UWANYIRIGIRA Marie Chantal
28. UWAMAHORO Solange
29. ZIKORA Bernard

## II. ABATITABIRIYE INAMA KU MPAMVU ZIZWI:

1. GASOROMANTEJA Sylvanie
2. MANIRAFASHA Jean de la Paix
3. NIKWIGIZE Phocas
4. NZABANITA Jean Claude

## III. INGINGO ZAGOMBAGA GUSUZUMWA:

1. Gusuzuma no kwemeza inyandiko-mvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yateranye kuwa 27/12/2019;
2. Gusuzuma raporo y'Inama y'Abaperezida isoza igihembwe cya III n'icya IV umwaka wa 2019-2020;
3. Kugezwaho ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y' Akarere ka Burera 2019-2020 na gahunda y'iteganyabikorwa 2020-2021;
4. Kugezwaho raporo y'aho itangwa ry'ibyangombwa by'ubutaka igeze (Dosiye zasabye ibyangombwa kuva 2015, igihe zakiriwe, izabonewe ibyangombwa, izitarabonewe ibyangombwa n'impamvu, ingamba zihari zo kwihutisha itangwa ryabyo);
5. Kwemeza abagize Inama y'Ubutegetsi y'Ibitaro bya Butaro;
6. Kugezwaho na buri wese ugize Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera ibikorwa byabo by'amezi 6 ashize biri mu nshingano zabo ( Mutarama-Kamena 2019-2020);
7. Ibinyuranye:- Icyumweru cy'Umujyanama

Kubera ko izi ngingo zari zateguwe umushinga w'ingengo y'imari ku rwego rw'Igihugu utari wemezwa, nyuma ukaza kwemezwa inama itaraterana, abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Burera bemeje ko hasuzumwa ingingo zikurikira:

1. Gusuzuma no kwemeza inyandiko-mvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yateranye kuwa 27/12/2019;
2. Kwemeza umushinga w'ingengo y'imari y'Akarere ka Burera 2020-2021 hamwe n'ibipimo by'imisoro n'amahoro 2020-2021
3. Gusuzuma raporo y'Inama y'Abaperezida isoza igihembwe cya III n'icya IV umwaka wa 2019-2020;
4. Kwemeza abagize Inama y'Ubutegetsi y'Ibitaro bya Butaro;
5. Kugezwaho raporo y'aho itangwa ry'ibyangombwa by'ubutaka igeze (Dosiye zasabye ibyangombwa kuva 2015, igihe zakiriwe, izabonewe ibyangombwa, izitarabonewe ibyangombwa n'impamvu, ingamba zihari zo kwihutisha itangwa ryabyo);

## IV. UKO INAMA YAGENZE:

| INGINGO ZASUZUMWE | IMYANZURO YAFASHWE |
|---|---|
| 1. Gusuzuma no kwemeza inyandiko-mvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yateranye kuwa 27/12/2019; | **Umwanzuro wa 1:**<br>✓ Nyuma yo gusuzuma no gukorera ubugororangingo inyandiko-mvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yateranye kuwa 27/12/2019, abari mu nama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera, ku bwumvikane busesuye bayemeje. |
| 2. Kwemeza umushinga w'ingengo y'imari y'Akarere ka Burera 2020-2021 hamwe n'ibipimo by'imisoro n'amahoro 2020-2021 | **Umwanzuro wa 2:**<br>✓ Nyuma yo gusuzuma ku buryo burambuye umushinga w'ingengo y'imari y'Akarere ka Burera umwaka wa 2020-2021 ingana na miliyari makumyabiri n'imwe , miliyoni ijana na makumyabiri, ibihumbi ijana na mirongo itanu n'umunani n'amafaranga mirongo itatu n'atanu ( |

| | |
|---|---|
| | 21,120,158,035 Frws), ku bwumvikane busesuye abari mu nama bayemeje, ariko basaba ko yazakoreshwa neza mubyo yateganyirijwe.<br><br>**Umwanzuro wa 3:**<br>✓ Nyuma yo gukorera ubugororangingo ibipimo by'imisoro n'amahoro byakoreshwa mu mwaka wa 2020-2021, ku bwumvikane busesuye, abari mu nama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera babyemeje, basaba ko Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera yakwihutira kubimenyesha abasora. |
| 3. Gusuzuma raporo y'Inama y'Abaperezida isoza igihembwe cya III n'icya IV umwaka wa 2019-2020; | Abari mu nama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera bamaze gusuzuma raporo y'Inama y'Abaperezida mu Nama Njyanama y'Akarere ka Burera y'igihembwe cya III n'icya IV umwaka wa 2020-2021, ku bwumvikane busesuye bemeje ibi bikurikira:<br><br>**Umwanzuro wa 4:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa ko mbere y'itangira ry'amashuri (Nzeri 2020) yakurikirana imikorere y'icyumba cy'umukobwa aho kiri hose ku mashuri yisumbuye kandi aho icyo cyumba kitari kigashyirwaho, ndetse kigashyirwa no ku mashuri abanza.<br><br>**Umwanzuro wa 5:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa bitarenze kuwa15/07/2020 gushyiraho gahunda ihamye y'ubukangurambaga n'uburyo butuma abaturage bashishikarira kwipimisha indwara zitandura ndetse n'indwara ya Hepatite C. |

| | |
|---|---|
| | **Umwanzuro wa 6:**<br>✓ Mu rwego rwo kwegereza abaturage imbuto n'inyongeramusaruro, Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa bitarenze kuwa 31/08/2020 kugaragaza aho igeze ishyira iduka rusange ryo gucururizamo imbuto n'inyongeramusaruro ku rwego rw'Akagari.<br><br>**Umwanzuro wa 7:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa bitarenze kuwa 15/08/2020 gushaka uko yahuza ibyiciro bitandukanye by'abaturage kugira ngo basobanurirwe ibijyanye n'imisoro muri rusange, ariko hakibandwa ku mitungo itimukanwa.<br><br>**Umwanzuro wa 8:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa kwihutira kwishyura ingurane y'ubutaka bw'abaturage bwatwawe mu mirimo yo guhuza amasoko y'amazi ya Nyabizi (Captage).<br><br>**Umwanzuro wa 9:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa kurushaho gukurikirana imirimo y'iyagurwa ry'umuyoboro w'amazi wa Nyabizi kugira ngo uzabashe gukemura burundu ibibazo by'amazi mu Mirenge ya Kinyababa, Butaro, Rusarabuye na Kivuye kandi ibigo by'amashuri byo muri iyo Mirenge bidafite amazi n'imidugudu ituriye imipaka bikazitabwaho<br><br>**Umwanzuro wa 10:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa gushyiraho bitarenze kuwa 30/07/2020 Komite kuri buri Murenge izajya ikurikirana amarerero ari mu Murenge kandi ikamenya amarerero ari mu Karere ka |

| | |
|---|---|
| | Burera, aho akorera ,ibyo akora (gahunda y'ibikorwa) n'ahandi ibona akwiye kujya . Irasabwa kandi kongera imbaraga mu gukangurira ababyeyi kwitabira amarerero kandi ikongera ingengo y'imari igenerwa ibikorwa by'amarerero<br><br>**Umwanzuro wa 11:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa kunoza serivisi abaturage batuye mu Mirenge ikoze ku mupaka w'u Rwanda n'igihugu cya Uganda bakenera (amazi meza, amashuri, amashanyarazi, imbuto z'indobanure n'inyongeramusaruro, ubuvuzi, amasoko aciriritse, imihanda n'ibindi).<br><br>**Umwanzuro wa 12:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa gukorera ubuvugizi imiryango itishoboye idahabwa inkunga y'ingoboka ya VUP kubera ko mu rugo harimo umuntu ushoboye gukora kuko usanga uwo muntu urimo adashobora gutunga uwo muryango cyane ko nawe aba akeneye kwiteganyiriza ejo hazaza he.<br><br>**Umwanzuro wa 13:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa bitarenze kuwa 30/08/ 2020 kwihutira gutunganya no gushyingura neza ibitabo by'irangamimerere by'utwahoze ari uturere twa Butaro na Cyeru,biherereye ku kigo cy'amashuri ya Ruhanga/Rusarabuye<br><br>**Umwanzuro wa 14:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa gushyira mu bikorwa ibikubiye mu ibaruwa N0 1599/16.01 yo kuwa 23/12/2019 ya Minisiteri y'ibidukikije isaba Ubuyobozi bw'Akarere ka Burera |

| | |
|---|---|
| | gutanga indishyi ikwiye ku butaka bw'abaturage bwubatsweho amashuri ya Runaba na Kinyababa.<br><br>**Umwanzuro wa 15:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa gushyiraho gahunda ihamye yo kwita kubikorwaremezo by'imihanda muri rusange, by'umwihariko iyakozwe muri gahunda ya VUP idafite ingengo y'imari yo kuyitaho no kurangiza neza imihanda itararangiye ikurikira: MUREMURE- KAREGAMAZI uherereye mu Murenge wa Gatebe;RUBAYI-SANGABUZI uherereye mu Murenge wa Bungwe; MUBUGA-MUTUNGO –MUDUGARI uherereye mu Murenge wa Bungwe kandi ugakorwa kuburyo uhuza Akagari ka Tumba na Mudugari<br><br>**Umwanzuro wa 16:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa ko Abajyanama b'Akarere ka Burera bafite ibinyabiziga bibanditsweho badatuye mu Karere ka Burera ku mpamvu zitandukanye, igihe bitabiriye imirimo y'Inama Njyanama y'Akarere cyangwa bitabiriye igikorwa batumiwemo n'Ubuyobozi bw'Akarere ka Burera bajya bahabwa inyoroshyagendo hashingiwe ku mabwiriza N0 01/MOS/Trans/019 yo kuwa 25/06/2019 ndetse n'iteka rya Minisiteri N0 002/07.01 ryo kuwa 02/07/2015 rigena amategeko ngengamikorere y'Inama Njyanama y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage cyane mu ngingo yaryo ya 92;<br><br>**Umwanzuro wa 17:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera ifatanyije n'Ikigo cy'imisoro n'amahoro irasabwa bitarenze Nzeri 2020 gukora isuzuma ry'imitungo |

| | |
|---|---|
| | ya Diyosezi Gatulika ya Byumba ikagaragaza imitungo igomba gusora n'isonewe kugira ngo Nyiricyubahiro Musenyeri Nzakamwita Servilien wa Diyosezi Gatolika ya Byumba ahabwe igisubizo ku baruwa yandikiye Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera.<br><br>**Umwanzuro wa 18:**<br>✓ Mu rwego rwo kurushaho kunoza imikorere n'imikoranire ya Komisiyo zihoraho z'Inama Njyanama z'imirenge n'Inama Njyanama y'Akarere, abagize komisiyo zihuje inshingano bajya bahura bakanoza gahunda z'ibikorwa by'umwaka kugira ngo hashyirwe imbaraga mu kwegera umuturage, guhuza imbaraga no kuzuzanya mu bikorwa bitandukanye.<br><br>**Umwanzuro wa 19:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa bitarenze Nyakanga 2020 kwihutira kumenyesha Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu mu mirenge gushyira kuri gahunda z'inama igikorwa cyo gusura amakoperative yose akorera mu mirenge yabo hagamijwe kumenya imikorere yayo n'uburyo ateza imbere abayagize n'abaturage muri rusange. Raporo y'icyo gikorwa ikazaba igaragaramo ibi bikurikira:<br>- Izina rya Koperative, ibyo ikora, umubare w'abanyamuryango, inzego z'ubuyobozi, ibikorwa by'ingenzi imaze kugeraho n'imbogamizi.<br><br>**Umwanzuro wa 20:**<br>✓ UWANYIRIGIRA Alphonsine wo mu Murenge wa Rusarabuye, Akagari ka Ndago, umudugudu wa Gaseke yakurirwaho imisoro n'amahoro yishyuzwa n'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro ndetse |

| | |
|---|---|
| | agahagarikirwa TIN 105589133 kuko atigeze akora ubucuruzi kandi akaba atishoboye abarizwa mu cyiciro cya 1 cy'ubudehe.<br><br>**Umwanzuro wa 21:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa bitarenze kuwa15/07/2020 gusuzuma ko icyangombwa cy'ubutaka gifite UPI:4/04/10/04/10987 bwanditse kuri BAKIRANZOVU Jean Baptiste na NYIRABARAME Venantie buherereye mu murenge wa Kinyababa,Akagari ka Rutovu, Umudugudu wa Musaga ari icy'ubutaka Inama Njyanama y'Akarere ka Burera yafasheho umwanzuro ko ari ubw'Akarere, bityo yasanga bumwanditseho akabuhabwa.<br><br>**Umwanzuro wa 22:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka BURERA irasabwa bitarenze kuwa 31/08/2020 gushaka uburyo bwo kubonera amashuri y'incuke imfashanyigisho no guha amahugurwa abarimu bigisha muri ayo mashuri nk'uko Itegeko No 22/2012 ryo kuwa 15/06/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'amashuri y'incuke,abanza n'ayisumbuye ribiteganya mu ngingo yaryo ya 29.<br><br>**Umwanzuro wa 23:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka BURERA irasabwa gutegura igikorwa cyo kuzuza Inama y'uburezi ku nzego zose, abagize inama y'uburezi y'Akarere n'iy'imirenge bose bagashyirwaho kandi bakajya batumirwa mu nama z'uburezi nk'uko bikubiye mu ngingo ya 23,24,na 25 ziri tegeko. |

| | |
|---|---|
| | **Umwanzuro wa 24:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka BURERA irasabwa kwihutira gushyiraho ikigega cy'uburezi gifasha abanyeshuri batishoboye nk'uko biteganywa mu ngingo yaryo ya 41 kandi icyo kigega kigashingira kubyo Iteka rya Perezida wa Repubulika N° 129/1 ryo kuwa 18/12/2015 risaba.<br><br>**Umwanzuro wa 25:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa gushishikariza abikorera (Abacuruzi, amabanki, SACCO) n'ibigo bya Leta byose (Ibitaro, amashuri, Ibigonderabuzima, amavuriro mato) gukoresha ikoranabuhanga mu kwakira amafaranga kandi hagakorwa ubuvugizi kugira ngo Imirenge SACCO ikoreshe ikoranabuhanga.<br><br>**Umwanzuro wa 26:**<br>✓ Mu rwego rwo kwirinda no gukumira COVID-19, abayobozi mu nzego zose barasabwa gukangurira abaturage kubahiriza ingamba zashyizweho ku buryo bukurikira:<br>1. Gukaraba intoki no gukoresha neza kandagira ukarabe<br>2. Kwambara neza agapfukamunwa igihe cyose bavuye mu rugo<br>3.Gushyiraho ahantu hazwi mu mudugudu hagurishirizwa udupfukamunwa no kubwira abaturage ko buri muntu agomba kugira agapfukamunwa ke<br>4. Gutanga amakuru y'abinjira mu gihugu bavuye hanze yacyo batanyuze mu nzira zemewe n'amategeko kugira ngo babanze kunyuzwa mu bigo binyuzwamo abakekwaho COVID-19. |

| | |
|---|---|
| | **Umwanzuro wa 27:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa gushyiraho uburyo bunoze bwo gutuma buri muturage wese agira uruhare rugaragara mu iyubakwa ry'ibyumba by'amashuri n'ubwiherero bizakoreshwa muri Nzeri 2020 no gutegura hakiri kare ibikoresho bizakenerwa muri icyo gikorwa kandi inyubako zose zikazashyirwaho inzira z'abafite ubumuga.<br><br>**Umwanzuro wa 28:**<br>✓ Komite Nyobozi y'Akarere ka Burera irasabwa kugaragariza Inama Njyanama y'Akarere ka Burera bitarenze Nyakanga 2020 gahunda yo kuzahura ikigo YEGO CENTER/BUNGWE ikubiyemo ingengo y'imari, abakozi bangombwa, Inama y'Ubutegetsi, imbago z'ikigo n'imikorere n'imikoranire n'abafatanyabikorwa kugira ngo gishobore kuzuza inshingano cyashyiriweho. |
| 4. Kuzuza abagize Inama y'Ubutegetsi y'Ibitaro bya Butaro; | **Umwanzuro wa 30:**<br>✓ Nyuma yo kungurana ibitekerezo ku bantu bagomba kuzuza Inama y'Ubutegetsi y'ibitaro bya Butaro, ku bwumvikane busesuye abari mu nama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera bemeje abagize Inama y'Ubutegetsi y'Ibitaro bya Butaro bakurikira: |

| URWEGO | AMAZINA | ICYO ASHINZWE |
|---|---|---|
| Inama Njyanama | NSENGIMANA Thomas | Umuyobozi w'Inama y'Ubutegetsi |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | Uhagarariye UmunyamabangaNshingwabikorwa w'Akarere ka Burera | GITEGO Jeanne Clementine | Ugize Inama y'Ubutegetsi |
| | Umuyobozi w'ibitaro bya Butaro | Major Dr KAYITARE Emmanuel | Umwanditsi w'Inama y'Ubutegetsi |
| | Uhagarariye imiryango itegamiye kuri Leta | Padiri MUNEZA Jean Bosco | Ugize Inama y'Ubutegetsi |
| | Uhagarariye Abayobozi b'ibigo Nderabuzima | URIMUBENSHI François Xavier | Ugize Inama y'Ubutegetsi |
| | Ugarariye Abikorera | SINZAMUHARA Sabine | Ugize Inama y'Ubutegetsi |
| 5. Kugezwaho raporo y'aho itangwa ry'ibyangombwa by'ubutaka igeze (Dosiye zasabye ibyangombwa kuva 2015, igihe zakiriwe, izabonewe ibyangombwa, izitarabonewe ibyangombwa n'impamvu, ingamba zihari zo kwihutisha itangwa ryabyo); | **Umwanzuro wa 30:**<br>✓ Abari mu nama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera, bamaze kubona ko amasaha akuze iyi ngingo batayisuzuma bameje ko yazasuzumwa mu nama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Burera izaterana muri Nyakanga 2020. | | |

Inama yasoje imirimo yayo saa cyenda (15 H00)

MUKARULINDA Victoire
Umwanditsi w'inama

IZAMUHAYE Jean Claude
Umuyobozi w'inama